24 NOV. 2000

Kigali, ku wa ..........

N° 656../03.8

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Serivisi za Minisitiri w'Intebe

<u>B.P. 1334 KIGALI</u>

Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)

Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)

<u>KIGALI</u>

Date entrée :

N° Class. arrivée :

<u>Impamvu</u>: Raporo y'umwaka wa 2000 n'ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe muri 2001.

Madamu, Bwana Minisitiri,

Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta.

Mpereye ku cyemezo cy'inama y'Abaminisitiri yateranye ku itariki ya 5 Mutarama 1999 ikemeza ko mu mpera ya buri mwaka, buri Minisiteri igomba gutanga raporo y'umwaka yerekana ibyo yakoze;

Ndabasaba ko mwategura raporo z'uyu mwaka wa 2000 mukazingezaho bitarenze kw'itariki ya 15 Ukuboza 2000. Izo raporo zigomba kwerekana intego mwari mwihaye, ibyari biteganyijwe gukorwa, ibyakozwe n'ibitarashoboye gukorwa. Mu gihe zizaba zikinononsorwa, ndabasaba ko mwangezaho mu minsi ya vuba ibikorwa byashyizweho imbaraga kurusha ibindi muri uyu mwaka tugiye kurangiza, n'ibyo muteganya kuzashyiraho imbaraga kurusha ibindi mu mwaka utaha wa 2001.

Ndabamenyesha ko izi raporo zihutirwa mbasaba zizashingirwaho mu gutegura imbonerahamwe y'ibikorwa by'ingenzi Guverinoma yagezeho mu mwaka wa 2000 n'iby'iteganya kuzakora mu mwaka utaha wa 2001, ibi byose bikazatangarizwa Abanyarwanda mu mpera z'uyu mwaka.

Mugire amahoro.

*Bernard MAKUZA*

*Minisitiri w'Intebe*

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREMIER MINISTRE

<u>Bimenyeshejwe :</u>

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika

<u>KIGALI</u>